Kigali, 21/10/2020
Ref. N$^{o}$: DIS/2385/FDA/2020

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
P.O. Box 84 Kigali
info@rwandafda.gov.rw
www.rwandafda.gov.rw

**Abacuruza imiti isukura intoki (Bose)**
**Abaturarwanda(Bose)**

**<u>Impamvu</u>: Guhagarika icuruzwa n'ikoreshwa ry'umuti usukura intoki (Hand Sanitizer) witwa "Pure Skin Stay Safe Hand Sanitizer (Ethanol based)" ukorwa na Africana Buffalo Ltd/Kigali, Gasabo**

Hashingiwe ku itegeko N$^{o}$ 003/2018 ryo ku wa 09/02/2018 rishyiraho ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA), mu ngingo ya 8 igika cya kabiri 2 n'icya 13; Hashingiwe kumabwiriza y'umuryango mpuzamahanga wita ku buzima (WHO) ndetse n'amabwiriza ngenderwaho N$^{o}$ DIS/GDL/026 yatangajwe ku itariki ya 16/03/2020 ajyanye n'ikorwa ry'imiti isukura intoki ikozwe muri alukolo (Alcohol based hand sanitizer) aho agaragaza ko mu bihe byo kwirinda icyorezo cya COVID-19, iyo miti isukura intoki igomba kuba irimo alukolo yo mu bwoko bwa etanolo (Ethanol) kukigero kiri hagati ya 70%-80% cyangwa Isoporopile alukolo (Isopropyl alcohol) iri kukigero cya 75%.

Dushingiye ku bipimo bya Laboratwari byakozwe na Rwanda FDA, byagaragaje ko uyu muti wa **"Pure Skin Stay Safe Hand Sanitizer (Ethanol based)"** utujuje ibisabwa. Rwanda FDA ihagaritse icuruzwa n'ikoreshwa ry'umuti usukura intoki urangwa n'ibi bikurikira:

| Izinary'umuti | Numero y'umuti | Igihe wakorewe | Igihe uzarangirira | Urugandarwawukoze |
|---|---|---|---|---|
| **Pure Skin stay Safe Hand sanitizer (Ethanol based)** | **001** | **05/2020** | **04/2022** | **Africana Buffalo Ltd, Kigali, Gasabo** |

**<u>Ingamba zafashwe:</u>**

1. Rwanda FDA iramenyesha abantu bose, baba abakoresha, abagurisha n'abakwirakwiza iyo miti bakiyifite mu bubiko, guhagarika kuyikoresha, kuyikwirakwiza no kuyisubiza aho bayiguriye;
2. Rwanda FDA iributsa ko nta wemerewe gukora umuti usukura intoki atabiherewe uburenganzira;

3. Rwanda FDA yongeye kwibutsa ko mu gukora imiti isukura intoki hakoreshwa alukolo yo mu bwoko bwa etanolo (ethanol) cyangwa Isoporopile alukolo (Isopropyl alcohol) ku kigero cyagenwe nk'uko bigaragara mu mabwiriza ngenderwaho N$^{o}$ DIS/GDL/026 ku ikorwa ry'imiti isukura intoki (hand sanitizers) ikozwe muri alukolo aboneka kuri:http://www.rwandafda.gov.rw/web/fileadmin/HANDSAN.pdf;
4. Rwanda FDA iributsa abagura n'abakoresha imiti isukura intoki kubanza kugenzura amakuru ari ku icupa riguriwemo uwo muti, bakitegereza neza ko nibura ugaragaza ibi bikurikira:
   a. Ingano ya etanolo iri ku kigero cyiri hagati ya 70%-80% (ethanol) cyangwa Isoporopile alukolo (Isopropyl alcohol 75%) n'ibindi by'ingenzi harimo glycerine na hydrogen peroxide.
   b. Nimero iyiranga (batch number), itariki yakozweho n'igihe izarangirira (manufacturing and expiry dates).
   c. Izina ry'uruganda rwayikoze n'aho ruherereye.

Icyitonderwa: Ku bindi bisobanuro ndetse no kuduha amakuru mwahamagara kuri **0789193529**

Tubashimiye ubufatanye bwiza.

Digitally signed by
Rwanda FDA (Ag DG)
Date: 2020.10.22
14:48:23 +02'00'

**Dr. Charles KARANGWA**
**Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo**

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

**<u>AMAFOTO Y'UMUTI USUKURA INTOKI(HAND SANITIZER) UHAGARITSWE</u>**

